Kinyarwanda

family and child connect

# Gana serivisi yagufasha

## Ni gute twagufasha

Abana bakeneye umutuzo kugira ngo bakure mu buryo bwiza kandi buboneye, kabone n'iyo ababyeyi babo baba bahura n'imbogamizi. Ibi ni ingenzi cyane igihe umwana akiri muto.

Family and Child connect (Serivisi ihuza umuryango n'umwana) irahari mu igihe ukeneye ubufasha. Twaguhuza na serivisi zitangirwa mu gace utuyemo zikagufasha:

- Kugenzura imyitwarire y'umwana wawe
- Kurema umubano mwiza hagati mu muryango
- Guhagarika ihohoterwa rikorerwa mu rugo
- Kugena ingengo y'imari no gucungaamafaranga
- Kugenzura ikoreshwa ry'ibisindisha, iboyobyabwenge cyangwa ibibazo byo gukina urusimbi
- Guhabwa aho gutura, serivisi z'ubuvuzi cyangwa izindi serivisi zisanzwe mu baturage cyangwa iza leta.

Serivisi za Family and Child Connect zitanganwa icyizere, kandi zitangwa n'ibigo bifite ubunararibonye mu gukorana n'imiryango.

Ushobora gukoresha iyi serivisi inshuro zose wifuza. Nta mubare ntarengwa kandi nta giciro bisaba.

## Bigenda gute iyo utumenyesheje?

Iyo uduhamagaye wakirwa n'umukozi w'inzobere mu gufasha umuryango uzumva impungenge zawe akanagenzura imiterere y'ikibazo umuryango wawe ufite. Imiryango yose iratandukanye, iyo uduhamagaye, uhabwa ubufasha bushingiye ku bibazo umuryango wawe ufite.

Dushobora ku gufasha ku nshuro ya mbere uduhamagaye, tukabikora mu buryo bwo kuguha inama cyangwa kukurangira serivisi iguha ubufasha. Dushobora no gutegura kugusura iwawe mu rugo – cyangwa ahantu hatekanye – twaganirira. Iyo biri ngobwa, dushobora guhita duhuza imiryango na serivisi ishinzwe kurwanya ihohoterwa rikorerwa mu ngo.

## Uko wafasha abandi

Ese uhangayikishijwe n'undi muntu, nk'umwana wawe mukuru, umwuzukuru, umunyeshuri, cyangwa inshuti mukorana? Ushobora na bo kubafasha kubona ubufasha bakeneye.

Girana na bo ikiganiro ubashishikarize guhamagara serivisi ya Family and Child Connect kuri 13 32 64 bahabwe inama n'ubufasha. Ishobora kuba intabwe yabo ya mbere yo kubona ubufasha bakeneye.

## Tumenyeshe

Abana bakura neza iyo ababyeyi babonye ubufasha bakeneye. Muri Family and Child Connect, turabizi neza ko iyo uhawe umurongo muzima ushobora guhangana n'ibibazo by'ubuzima kandi ugafasha umwana wawe gukura mu buryo bwiza kandi buboneye.

Serivisi yacu igirwa ibanga, ni ubuntu kandi ni ingenzi kuyihamagara.

**Telefone: 13 32 64**
**Urubuga: familychildconnect.org.au**

## Serivisi za Family and Child Connect zitangirwa mu gace kawe ni:

.............................................................................................

.............................................................................................

.............................................................................................

Interpreter

## Ukeneye umusemuzi?

Niba ukeneye umusemuzi, twamugushakira ku buntu. Duhamagare kuri **13 32 64** utumenyeshe ururimi wifuza.

Funded by
Queensland Government

0869_MARCH2021